



KEZA N' UMUJYI UTOSHYE

Copyright 2021 na Imagine We Publishers

Uburenganzira bwose burabitswe. Nta gice cyiki gitabo gishobora gusubirwamo cyangwa koherezwa muburyo ubwo aribwo bwose cyangwa muburyo ubwo aribwo bwose, harimo gufotora, gufata amajwi, cyangwa ubundi buryo bwa elegitoroniki cyangwa uburyo bwa mashini butabanje kubihirwa uruhushya rwanditse nuwamamaza.

Imagine We Publishers
KG 5 Avenue st, Kacyiru # 51
Kigali, Rwanda

www.imaginewe.rw
E-mail: reachout.imaginewe@gmail.com
TEL: +250785447440/ +250788315146

Cyakorewe mu Rwanda

Cyakoze na Imagine We Publishers kubufatanye na Green
City Kigali.
ISBN: 978-99977-779-2-8

Byanditswe na FONERWA, Imagine We Publisher na The
Green City Kigali
Amashusho: Mika Hirwa Twizerimana
Byahinduwe mu Kinyarwanda na: Jeremy Gisagara



KEZA N' UMUJYI UTOSHYE



Cyakoze na:
**Imagine We Publishers kubufatanye na
Green City Kigali.**

IJAMBO RY'IBANZE

Ambassderi wa Repubulika y'Ubudage mu Rwanda

U Rwanda n'Ubudage bifite umubano mwiza mu byo gukorera hamwe mu bijyanye no guteza imbere imiyoborere myiza, iterambere rirambye mu by'ubukungu ndetse n'amahugurwa m'ubumenyi ngiro.

Mu myaka Mike ishize, twatangiyeye ubufatanye bushya mu kurwanya ibitera ingaruka z'imihindagurikire y'ikirere, bigira ingaruka mbi ku buzima bw'abanyarwanda n'igihugu muri rusange.

Mugukemura iki kibazo cyugariye isi, ibihugu byombi biri gukorera hamwe mu gushyigikira iterambere rirambye mu mujyi wa Kigali- igikorwa nishimiye cyane kugiramo uruhare.

Ubudage bwateye imbere cyane mubijyanye nu bushakashatsi bw'ingufu zisubiramo, imijyi irambye no kurwanya imihindagurikire y'ikirere.

Ni ishema gufatanyana na guverinoma y'u Rwanda mu rwego rwo gutegura no kubaka agace kambere "umudugudu urambye" i Kigali.

U Rwanda ni igihugu cyiza, gikungahaye ku rusobe rw'ibinyabuzima kandi gifite ahantu nyaburanga henshi hatandukanye- kurinda no guteza imbere ibyo byose ni ingenzi mu kazi kacu.

Kugira ngo tugere ku ntego z'iterambere rirambye twiyemeje, ni ngombwa ko urubyiruko rw'Ururwanda ruhabwa ubumenyi n'ibikoresho bikenewe kugira ngo rubashe kubaho ubuzima bwiza rutuye heza.

Kuko dushaka ejo heza, dukwiye guha imbaraga urubyiruko rwo ejo hazaza h'urwanda.

Birashimishije kubona umubare munini w'urubyiruko rw'u Rwanda rushishikajwe no guteza imbere aho rutuye. Iki gitabo ugiye gusoma ni gihamya, kuko cyanditswe n'itsinda ry'urubyiruko ry'abanditsi n'abashushanya ba banyarwanda. Ibihangano by'inkuru bishobora kuba inzira nziza y'ubukangurambaga mu kumenyekanisha ingingo zitandukanye, nk'iterambere rirambye ry'imijyi ndetse n'imihindagurikire y'ikirere.

Byaranejeje kuba narabashije gushyigikira iki kigorwa cyiza. Kandi ndizera ko bizatera imbaraga urubyiruko ry'Ururwanda mu kwikemurira ibibazo, no gukomeza kurwanya ibitera imihindagurikire y'ikirere kugirango, habeho Ururwanda rwiza, kandi rutuwemo na bese.

Twese hamwe, Dushobora gufatanyiriza hamwe mu gukora ibyaduteza imbere.

Dr. Thomas Kurz

Ambassderi wa Repubulika y'Ubudage mu Rwanda

IJAMBO RY'IBANZE

Minisitiri w'ibidukikije wa republika yu Rwanda

“Rimwe na rimwe iyo ngenda mu ishyamba, biranzeza inyoni ziri mu biti.

Amashami n'amababi birinda izo nyoni izuba, kandi iyo haguye imvura nyinshi, amashami n'amababi bikora nk'igisenge kugirango inyoni zitanyagirwa.

Mwijoro, ibiti ni ahantu heza ho kurara. Iyo inyoni zashonje, zishaka imbuto zarya zikananywa amazi meza yo mu kiyaga cyegereye aho ziri. Inyoni zibona ibyo zikeneye byose mwishyamba.

Ikibabaje, nuko ku bantu benshi, amazu yabo ntabwo yubatswe kuburyo bunogeye inyoni nkuko mu ishyamba bimeze. Iyo utuye mumuji, umukungugu uturuka mumihanda uhumanya amaso, kandi imihanda iba yuzuyemo abantu. Urusaku rutera gurwara umutwe, kandi ntushobora no kumva n'amajwi meza y'inyoni kubera urusaku.

Imijyi itera imbere byihuse ahantu henshi muri Afrika, no kwisi hirya no hino. Abantu bangiza ibidukikije bigatera imyanda n'ibyuka biva mu nganda n'amashanyarazi. Ibyuka bihumanya bigira ingaruka mbi bigatera imihandagurikire y'ikirere ku isi. Mu Rwanda, ahantu hirya no hino imvura nyinshi ishobora gutera umwuzure, mu gihe ahandi, ishobora kuba yumye cyane ikabangamira imyaka.

Kubera iyo mpamvu, abantu benshi baba bagomba kuva mu ngo zabo, ariko kandi inyamaswa zo mu gasozi nk'inyoni zo mu biti zirimo gutakaza aho ziba. Ikiyaga gishobora gukama cyangwa ishyamba rigafata inkongi y'umuriro. Izi ngaruka zitwa imihindagurikire y'ikirere - kandi dukeneye byihutirwa guhindura uburyo tubaho kugirango twirinde iyo mihindagurikire y'ikirere.

Inzira imwe ni ukubaka imijyi muburyo bunogeye ibidukikije kandi ikarinda abayituye - nkukuntu ibiti biha inyoni aho kuba. Guverinoma y'u Rwanda yatangiye gushaka uburyo bushya bwo gkugira imijyi itoshye itanga ingufu zisubiramo, gucungano gutunganya imyanda mu buryo buramb, ubwikorezi rusange n'amazu ahendutse yubatswe mu bikoreho karemano nk'imigano cyangwa ibumba kandi bishobora kurwanya imvura nyinshi.

Ariko, ntidushobora kubikora twenyine. Dukeneye urubyiruko rwu Rwanda – kugirango rudufashe.


Muri iki gitabo, ugiye gukurikira ibintu bitangaje bya Keza, Ntwali na Simbi, kandi wige uburyo ibitekerezo byabo byafashije abaturage mu gace batuyemo, Kinyinya, kubaka umujyi utoshye w'ejo hazaza.

Nubwo ibitekerezo byawe byaba binini cyangwa bito - buri wese ashobora gutanga umusanzu muburyo bufatika bwo kubaka u Rwanda rurambye. Ndabasaba kuzamura ijwi kugirango ubwire umuryango wawe, inshuti, nabarimu kubitekerezo byose ushobora kuba ufite kuburyo bwo kugabanya imyanda, gutera ibiti cyangwa gukoresha ikoranabuhanga rishya. Ubu nigihe cyo kwigira kubandi no gushaka ibisubizo. Twese hamwe, abato n'abakuru, dushobora kubaka imijyi itoshye kandi tukarinda isi yacu.”

Dr. Jeanne d'Arc Mujawamariya

Minisitiri w'ibidukikije wa republika yu Rwanda

BUGESERA, MU RWANDA. NYUMA Y'AMAPFA MAREMARE, UMURYANGO WA KEZA WARUMBIJE IMYAKA(UMUSARURO) WABO WOSE NONE URI KWIMUKIRA I KIGALI HO BAGIYE GUSHAKIRA UBUZIMA BWIZA.



YEMWE BANA, NUBWO BIBABAJE, NTAKUNDI IGihe NI IKI CYOgUSIGA IYI MIRIMA TUGASUHUKA.

NDABIZI NTI MUSHAKA KUGENDA. ARIKO NITUGUMAHO, NTITUZABONA IBYO KURYA N'AMAZI.

DORE TWARARUMBIJE, NTA MAHITAMO DUFITE.

KIGALI ISA ITE? NDUMVA MFITE UBWOBA... SINSHAKA KUGENDA.



NANJYE NI UKO, KEZA. SINZI, NUMVISE BAVUGA KO HABAYO IBIZU BININI CYANE, ARIKO NTA KIYAGA KIBAYO UMLUNTU YA KOGA MO.



KURI UWU MUNSI, BAGERA I KIGALI.



UYU NIWO MUJYI? NDABONA HUZUYE ABANTU. NTABWO MBIKUNZE!

MAMA, WARETSE TUGASUBIRAYO KOKO? NDASHAKA GUSUBIRA MU RUGO!

NDABIZI KO MUTISHIMYE, ARIKO NTAKUNDI AHA NIHO MURUGO HASHYA.



MUHUMURE IBINTU BIZAGENDA NEZA. VUBA NZABONA AKAZI NAMWE MUBONE ISHILI RISHYA.

HABATI AHO, KU NZU YUMUJYI, UMUYOBOZI NITSINDA RYE BUMWISE AMAPFA AKABIJE YIBASIYE IGIHUGU...


IKI NI IKIZA !

TUGOMBA KUGIRA ICYO DUKORA!



AMAPFA MURI BUGESERA NA NYAGATARE ARAGENDA ARUSHAHO KWIYONGERA. UMUYOBOZI N'ITSINDA RYE BAFITE IMPUNGENSE KUKO ABATURAGE BENSHI BYABAYE NGOMBWA KO BAVA MU NGO ZABO.






HIRYA NO HINO KU ISI,
IMVURA IGENDA IBA NYINSHI.
IMIRYANGO MYINSHI IFITE
IBYAGO BYO KUGERWAHO
N'UMWUZURE.



NAHO MUBINDI BICE,
KUBURA IMVURA BIRI
KWANGIZA UMUSARURO
BIKANABABANYA AMAZI MU
BIGEGA BYAVO.



IBI BITEYE
IMPUNGENSE, ABANTU
BAZAGORWA NO
KUBONA IBIRIBWA...



IYI NI IMWE MU MPAMU
ZITUMA ABANTU BENSHI
BIMUKIRA I KIGALI BIZEYE
UBUZIMA BWIZA. NOATINYA
KO IBI BIZAREMERERA
UMUJOYI WACU KANDI RWOSE
IKI NI IKIBAZO GIKOMEYE!

KEZA NA NTWALI MU GACE GASHYA BATUYEMO KA KINYINYA.



UMVA, KEZA! KU ISHURI IBINTU BIZABA ARI BYIZA RWOSE! NDIZERA KO NSHOBORA KUZAKINA MU KIPE Y'UMUPIRA W'AMAGURU.



SINSHAKA KUJYAYO! BISI IRUZUYE CYANE!





WIGIRA IKIBAZO, REKA DUSHAKE AHO TWICARA.



EEEEHH... HARIHO IMODOKA N'AMAKAMYO MENSHI!



COUGH // COUGH





NI MWIHUTE! MUJYE
KUVOMA BUTARIRA. DORE
NYUMA, MUGOMBA GUKORA
UMUKORO WANYU.



YEBABA WEE! REBA
LIWO MURONGO!
TURAGEZA MURUGO
BWIJE.




SINZI KO
NDIBURANGIZE
UMUKORO WANJYE
MURI IRI JORO.
MWARIMU WANJYE
NABA NONGEYE
KUMUTENGIHA.

KU ISHURI, NYUMA Y'IBYUMWERU BIBIRI...

DRIIIIING!

IHUTE... NI INZOGERA, TWONGEYE GUKERERWA!

NI KU NSHURO YA GATATU MURI IKI CYUMWERU.



MWEMBI MWAKEREREWE. NANONE. !

KEZA, NGUFITEYE IMPUNGENSE . URI UMUNYESHURI MWIZA, ARIKO BURIGIHE URAKERERWA KANDI N'AMANOTA YAWA ARAGABANUKA.

MUMBABARIRE RWOSE, MWALIMU.




NZANA AMAZI KUGEZA BWIJE. IYO NGEZE MURUGO, NTIHABA HABONA KUBURYO NTASHOBORA GUKORA UMUKORO WANJYE.

NDABYUMVA NTIBYOROSHYE, ARIKO KANDI UGOMBA KUGERAGEZA GUSHAKA IGISUBIZO.



BITE KEZA, NUMVISE KO UDASHOBORA KWIGA KUKO IWANYU NTA MASHANYARAZI AHABA?


SINZI ICYO GUKORA! SIMBASHA GUKORA UMUKORO KUBERA HATABONA (UMWIJIMA).



MBESE WIGEZE WUMVA IBYO SIMBI YAHIMBYE? YAZANYE AMATARA AKORESHA IMIRASIRE MU IHURIRO RYACU RY'IBIDUKIKIJE "GO GREEN CLUB." UBU BURI GIHE TUBA DUFITE URUMURI!



YEWEE NIBYO SE... BURIGIHE MUSA MUFITE URUMURI!?



YEGO! EJO UZAZE MURI GO GREEN CLUB MAZE MBIKWEREKE!

ICYUMWERU CYKURIKIYE , KWA KEZA...

URIMO LIKORA IKI?

HMMM, IBYO SE WABIKUYE MURI YA CLUB YANY Y'IBIDUKIKIJE?

NONEHO UBU DUSHOBORA KUJYA TWIGA NYUMA YA SAA SITA AHO KWIGA BWIJE.

NI BYIZA CYANE PE! IYI GO GREEN CLUB NI AGAHEBUZO!

NDIMO NDAREKA MAZI Y'IMVIRA KUGIRANGO TUTAZA GUSUBIRA KUVOMA KU IRIBA!





NYUMA YA SAA SITA

NISHIMIYE
KUKUBONA, NI
KARIBU INJIRA.



YEWWE IRI NIRYO
TARA RY'IMIRASIRE?
REBA UKUNTU
RIBONESHA.

YEGO, IZYBA
RIRISHYIRAMO
AMASHANYARAZI
KUMANYWA
MAZE NANJYE
NKARIKORESHA
NIJORO NIGA.



INKUBA ZITANGIRA GUKUBITA CYANE.

YEWEEEE...
UMUYAGA
UTANGIYE KUBA
MWISHI CYANE!

BUKEYE BWAHO, ABANA BABONA IBYANGIJWE N'UMUYAGA BYAGEZE I KINYINYA.



IMVURA YANGIJE BYINSHI. AMAZU AMWE YASENYUTSE!

IBI BITEYE HAWOBA! HBU TWAKORA IKI?

TUGOMBA GUSANA IBINTU BYOSE. SINSHAKA KONGERA KWIMUKA!!

NDASHAKA GUFASHA! ARIKO SE DUHERE HE?


NDABIZI... REKA DUKORESHE IBIHIMBANO BYA SIMBI! ARIKO DUKENEYE ABANTU BENSHI, NTIDUSHOBORA KUBIKORA TWENYINE.

NYUMA NIMUGORоба...





IBYUKA BIHUMANYA BITERWA
N'ABANTU BIRI GUHINDURU
IKIRERE KU ISI HOSE. MU
BIHE BIRI IMBERE, IMVURA
ISHOBORA KWIYONGERA CYANE
KANDI UBUSHYUHE NABWO
BUKARUSHAHO KUZAMUKA.





UBUSHYUHE BUKABIJE
N AMAPFA BIRI GUTERA
INKONGI ITEYE UBWOBA,
BIGAHUNSAABANYA
URUSOBE RWIBINYABUZIMA
BYOSE.



ABANTU BAHUMANYA
IKIRERE N'AMAZI,
BAGASHYIRA MU KAGA
GAKOMEYE UBUZIMA
BWBWO NUBWABANDI.

ARIKO KANDI
DUKOREYE
HAMWE TWARINDA
IBIDUKIKIJE.





MUZE MURI GO GREEN CLUB DUFATANYE KURWANYA IMIHINDAGURIKIRE Y'IKIRERE!




IBIKORESHO KAREANO NK'IMIGANO, IBUMBA N'IBITI NTIBYANGIZA IBIDUKIKIJE CYANE.



DUSHOBORA KUBYIFASHISHA MUKUBAKA INKUTA N'INGO BIKOMEYE.



AGACE DUTUYEMO KAZABA GASANEZA KANDI GATOSHYE!



GO GREEN CLUB ISUBIRA I KINYINYA MAZE ISOBANURIRA ABATURANYI GASHINDA YABO.

UBU NIBWO BURYO DUSHOBORA KUGIRA AMASHYARAZI KAREMANO NAMAZI MEZA

NTIDUKENEYE KWANGIZA IBIDUKIKIJE KUGIRANGO TUBEHO UBUZIMA BWIZA!

AMASHYARAZI KAREMANO NI IKI?


AMASHYARAZI ATURUKA KU ZUBA CYANGWA AKOZWE N'IMBARAGA Z'AMAZI!



IYI NIYO NSHINGANO YACU. UMUNTU WESE ASHOBOZA GUTANGA UMUSANZU MUBURYO BUTANDUKANYE UHEREYE MU KUGABANYA IMYANDA KUGEZA MU GUTERA IBITI BYINSHI.



REKA TURINDE UMUBUMBE WACU. REKA DUKIZE KINYINYA!



ABAKOZI BABIRI BO MU BIRO BY'UMUKURU W'UMUJYI WA KIGALI BITABIRIYE INAMA YA GO GREEN I KINYINYA.

ABA BANA BAKORA IBINTU BITANGAJE. UMUKURU W'UMUJYI WA KIGALI AGOMBA KUBIMENYA!

YEGO! AZASHIMISHWA NO KUMVA KO ABANA BATEZIMBERE IBITEKEREZO BYATUMA KINYINYA IRUSHAHO KWITA KUBIDUKIKIJE IKANATERA IMBERE.

ABAKOZI BA LETA BASUBIRA KU BIRO BY'UMUKURU W'UMUJYI WA KIGALI KUMUMENYESHA INKURU NZIZA.


MUYOBOZI! HARI IBINTU BITANGAJE BIRI KUBERA MURI KINYINYA. UGOMBA KUBIBONA!

KU BIRO BY UMLUJYI...

WOW!

WAKWEMERA KO UMLUKIRU W'UMLUJYI WA KIGALI YIFUZA GUHURA NATWE?

BIRASHIMISHIJE CYANE! YAKUNZE IRIMO YA CLUB YACU!



TURASHAKA GUKORESHA IKORANABUHANGA RIRENGERA IBIDUKIKIJE, IBIKORESHO KAREMANO NINGUFU ZIZUBA KUGIRANGO TWUBAKE UMUDUGU DU URAMBYE MURI KINYINYA. MURASHAKA GUFATANYA NATWE?

**YEGO!
BYADUSHIMISHA
CYANE!**

UMUYOBOZI WA KIGALI YUBAHIRIJE AMASEZERANO YE MAZE YIFATANYA NA GO GREEN CLUB I KINYINYA. BUBATSE AMAZU MASHYA, AMASHURI N'IBITARO BAKORESHEJE IBUMBA, IMBAHO N'IMIGANO...




UMUDUGUDDU MUSHYA WARI UTOSHYE KANDI URENGERA IBIDUKIKIJE. AMAZU YARI AKOMEYE KANDI ASHOBORA GUHANGANA N'IMVURA NYINSHI. NTA MUNTU N'UMWE WARUGIHANGAYITSE.



BATEKEREJE KURI BYOSE, UHEREYE KU BINYABIZIGA BIKOPESHA ASHANYARAZI ASUKUYE, KUWEZA AHANTU HATOSHYE HATEWE IBIMERA N'IBITI BYINSHI.




GUKORESHA IMBARAGA Z'IMIRASIRE Y'IZUBA BYAGEZE I KINYINYA. UMURYANGO WA KEZA NTIWONGEYE KUBURA AMASHANYARAZI, KANDI ABANA BASHOBORAGA GUKINA NO KWIGA IGihe CYOSE BABISHAKIYE




KANDI SI BO BONYINE.






NYUMA Y'IMYAKA 3
UBU KEZA ARI KUZENGURUKA U RWANDA RWOSE, YIGISHA ABANTU
IBIJJYANYE N'IMIHINDAGURIKIRE Y'IKIRERE N'IMIBEREHO IRAMBYE.



GREEN CITY KIGALI

KWIMUKIRA HANO
N'UMURYANGO WANJYE
BYAHINDUYE UBUZIMA
BWACU! UBU IMIJYI YOSE YO
MU RWANDA IRI GUHINDUKA
IMIJYI IRAMBYE, NKA
KINYINYA.

WOWE SE? WAKWISHIMIRA
GUTURA MUMIJYI
URAMBYE?



UBU KINYINYA NI UMUJYI WICYATSI KANDI UBEREYE
ICYITEGEREZEZO INDI MIJYI YO MU RWANDA YIBASIWE
N'IMIHINDAGURIKIRE Y'IKIRERE. DUSHYIZE HAMWE TWESE,
DUSHOBORA RWOSE KUBUNGABUNGA UMUBUMBE WACU!



Ibyerekeye iki gitabo:

Green city Kigali ni umudugudu mushya urambye ku baturage “binjiza amafaranga make nayo hagati” washyizweho n’ikigega cy’igihugu cyo kubungabunga ibidukikije(FONERWA) ku nkunga y’amafaranga n’ubufatanye bwa German development cooperation binyuze KfW development bank, na Green climate fund (GCF).

Kuri Green city Kigali, twizera ko uruhare rwabaturage, kuzamura imyumvire no kwishora mu bikorwa ari ngombwa kugirango umushinga witerambere ryumujyi ugende neza.

Ni kubw’ iyo mpamvu, twafatanije na the Rwandan publishing house and social enterprise “IMAGINEWE”, kugira ngo dusohore igitabo cy’amashusho cyigisha abana cyitwa “Keza n’umujyi w’icyatsi urambye”.

Intego y’iki gitabo ni ukwigisha urubyiruko rwo mu Rwanda ibijyanye n’iterambere rirambye ry’imijyi n’akamaro karyo mw’iterambere ry’ uRwanda rw’ejo hazaza.

Cyanakorewe mu rwego rwo gushishikariza no gutera inkunga abana b’u Rwanda mu kuba aba ambasaderi b’ibidukikije.

Keza n’umujyi urambye ibara inkuru y’umukobwa w’umunyarwanda w’imyaka 11 witwa Keza. Iyi nkuru itangirana na Keza n’umuryango we bava mu rugo rwabo i Bugesera bakimukira i Kigali kuko amapfa akabije yangije imyaka n’imibereho yabo.

Ku ikubitiro, Keza ababajwe cyane no kuba yaravuye aho umuryango we wabaga kandi bikamugora kumenyera ubuzima bwo mu mujyi kubera ubuhumane, imigendere mu mihanda ndetse n’abaturanyi benshi.

Amanota ye ku ishuri nayo atangira kugabanuka kuko amara amasaha menshi ku ivomero ry’amazi rihuriraho abantu benshi cyane avoma amazi y’umuryango we aho gukora umukoro we.

Umunsi umwe, nyuma yimvura nyinshi, umudugudu we wuzuyemo umwuzure kandi inkangu zitera amazu menshi guseniyuka. Abana, babifashijwemo n’umuvumbuzi ukiri muto n’umwarimu wabo wa siyanse(ubumenyi n’ubutabire), bahisemo gufata ingamba bagatangira kubaka amazu bakoresheje ibikoresho karemano biboneka muri ako gace .

Hagati aho, Meya wa Kigali aragerageza gushaka ibisubizo bigabanya ingaruka z’imihindagurikire y’ikirere no kurengera abaturage b’u Rwanda.


Yizera ko inzira imwe rukumbi ari ukubaka umujyi w’icyatsi(urambye) utanga amacumbi n’uburinzi bihagije kandi ugabanya imyuka ihumanya. Umuyobozi w’akarere amaze kumenya ibijyanye na gahunda y’abana, yifatanije nabo ahita atangira kubaka amazu arambye, aha buri nzu tekinoloji ikoresha ingufu z’imirasire y’izuba, kandi atangiza amashanyarazi.

Umujyi w’icyatsi(urambye) urangije kubakwa, abaturage barishima maze Keza aba ambasaderi mushya wu Rwanda mu bijyanye n’imihindagurikire y’ikirere.



PUBLISHERS

ISBN: 978-99977-779-2-8



4547-0153